# NYAMAGABE DISTRICT NEWSLETTER

## KAMENA 2023



**Umuyobozi w' Akarere arasaba abagabo kudatererana abagore babo mu kwita ku bana( Soma Paji ya 2)**

**Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Madamu Alice Kayitesi yifatanyije n' abaturae bo mu karere ka Nyamagabe mu gitondo cy' isuku( Soma paji ya 5)**



**Umuyobozi w' Akarere n' abagize Komite Nyobozi bose bifatanyije n' abakozi muri siporo rusange( Soma paji ya 6)**



## UMUYOBOZI W'AKARERE ARASABA ABAGABO KUDATERERANA ABAGORE MU KWITA KU BANA

**Ubwo yatangizaga icyumweru cyahariwe kwita ku mubyeyi n'umwana, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Hildebrand NIYOMWUNGERI  yasabye abagabo kudatererana abagore babo mu kwita ku bana babarinda igwingira.**

Ku wa 12 Kamena, ni bwo mu karere ka Nyamagabe hatangiye icyumweru cyahariwe kwita ku mubyeyi n' umwana.

Ubwo yagitangizaga, Umuyobozi w' Akarere Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye abagabo kudatererana abagore babo mu kwita ku bana.

Yaragize ati:" Umwana ni umugisha, akaba umugisha usendereye iyo yitaweho ntajye mu mirire mibi cyangwa igwingira."



Iki cyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw' umwana n' umubyeyi cyari gifite insanganyamatsiko igira iti:" Umwana utagwingiye ni ishema ry' ababyeyi."

Kugeza ubu imibare  yo mu mwaka wa 2020 yerekana ko mu karere ka Nyamagabe habarurwa abana bari ku ijanisha rya 33.6% bafite igwingira.



Ubuyobozi bw' akarere buvuga ko bufite intego y' uko mu mwaka wa 2024 iri janisha rizaba riri kuri 19%.

Mu cyumweru cy’ umubyeyi n’ umwana hatanzwe serivisi z’ ubuzima zinyuranye zirimo iyo guha abana ibinini bya Vitamine A, iyo kubaha indyo yuzuye ndetse n' iyo uha ibinini by' inzoka  ku ngeri zose.





*Umuyobozi w' Akarere  yakurikiranye uko abana bahabwa indyo yuzuye ndetse n' ibinini by' inzoka.*

# MU MURENGE WA MUSHUBI HIBUTSWE KU NSHURO YA 29 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

**Ku wa 11 Kamena 2023, Honorable Senateri Umuhire Adrie yifatanyije n' Ubuyobozi bw' Akarere ka Nyamagabe ndetse n' abaturage bo muri aka karere kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu cyahoze ari Komini Muko na Musebeya.**

Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri aka gace yerekana ko naho yari yarateguwe nk' ahandi hose mu gihugu

Yaragize ati:" Mu ijoro ryo ku wa 07 Mata 1994, abantu basaga 8 biciwe hano kuri Paruwasi Mushubi nyuma y' amasaha make i Kigali mu birometero 200 uvuye hano hatangijwe ubwicanyi bwibasiye Abatutsi. Iki ni ikigaragaza ko yari yarateguwe nk' ahandi hose mu gihugu."



*Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Hildebrand NIYOMWUNGERI*

Senateri UMUHIRE Adrie wari umushyitsi mukuru muri uyu muhango yavuze ko kwibuka Abazize Jneoside yakorewe Abatutsi ari ukubaha agaciro.

Yagize ati:" Kwibuka abacu bazize Jeneoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w' 1994, ni ukubasubiza icyubahiro bambuwe ubwo bicwaga ndetse no kwibuka ibihe byiza twagiranye."

Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi bibutswe kuri iyi tariki mu murenge wa Mushubi bakomokaga muri Komini Muko na Musebeya, ubu hakaba ari mu mirenge ya Mushubi, Musebeya, Buruhukiro, Nkomane na Gatare.







*Senateri Umuhire Adrie*



## KWIBUKA ABARI ABAKOZI BA PEREFEGITURA YA GIKONGORO N'ABIKORERAGA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

**Kuri wa 18 Kamena 2023, ku biro by' Akarere ka Nyamagabe habereye umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 29 abari abakozi ba Perefegitura ya Gikongoro ndetse n' abikoreraga bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.**

Uyu muhango wabanjirijwe no gushyira indabo ku mva ziruhukiyemo imibiri y' Abatutsi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi ziri ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Murambi.

Uwamahoro Clothilde, Perezidante w' Inama Njyanama y' Akarere ka Nyamagabe wari Umushyitsi Mukuru muri uyu muhango yabwiye abawitabiriye ko abari abakozi ba Perefegitura ndetse n' abari abacuruzi muri iyi Perefegitura bagaragaje ubwitange budasanzwe mu kugerageza kwita ku mbaga y' Abatutsi bari mu kaga kandi batayobewe ko na bo ubwabo bahigagwa. Yatanze urugero rw' umucuruzi wafashe imodoka ye akayipakira ibiryo agashyira impunzi.



*Perezidante w' Inama Njyanama y' Akarere Uwamahoro Clothilde*

Soeur Immaculée Uwamariya watanze ikiganiro yabwiye Abakozi b' Akarere ka Nyamagabe ko kuba umuntu yarahuye n' ibibazo bitamubuza kubababarira no kugira icyizere cy' uko ejo hazaza hazaba ari heza.Yaragize ati:" Amaso yarize ni yo ahoza."

Uyu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 29 abari abakozi ba Perefegitura ya Gikongoro bazize Jenoside yakorewe Abatutsi wasojwe no gusoma amwe mu mazina yanditse ku kimenyetso cy' Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda kiri imbere y' ibiro by' akarere.





**Soeur Immaculée Uwamariya**



*Umuyobozi w'Akarere yunamiye imibiri y' abazize Jenoside yakorewe Abatutsi iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi*

# GUVERINERI W' INTARA Y' AMAJYEPFO YIFATANYIJE N' ABATURAGE B' AKARERE KA NYAMAGABE MU GITONDO CY' ISUKU

**Kuri uyu wa 06 Kamena 2023, Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Honorable Madame Alice KAYITESI yifatanyije n' abaturage bo mu murenge wa Gasaka mu muganda w' igitondo cy' isuku.**

Uyu muganda wabereye ku nkengero z' umuhanda wa kaburimbo unyura mu mujyi wa Nyamagabe, waranzwe n' ibikorwa byo gusibura imiferege ndetse gukusanyiriza hamwe imyanda itabora irimo amacupa n' amashashi, buri yose ishyirwa aabuenewe.

Nyuma y' umuganda w' igitondo cy' isuku, Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Honorable Alice KAYITESI yasabye abaturage b' Akarere ka Nyamagabe kwita ku isuku kuko ngo indwara ziri kuzahaza abanyarwanda muri iyi minsi ari izituruka ku mwanda.

Gahunda y' igitondo cy'isuku igiye kumara imyaka 2 itangijwe mu turere twose tugize Intara y' Amajyepfo.

Iyi Gahunda iba buri wa kabiri wa buri cyumweru mbere y' amasaha y'akazi, ihuriranye n' ubukangurambaga bwo kwimakaza isuku hibandwa ku y' umubiri no mu kanwa buherutse gutangizwa mu gihugu hose.







**Guverineri Alice KAYITESI yifatanyije n' abaturage b' Akarere ka Nyamagabe mu gitondo cy' isuku**

## ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Y' AKARERE KA NYAMAGABE BITABIRIYE SIPORO RUSANGE

**Ku wa Gatanu tariki ya 02 Kamena 2023, ari kumwe n' abagize Komite Nyobozi, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n' abakozi b' akarere ka Nyamagabe muri Siporo Rusange.**





Iyi Siporo rusange yabereye kuri Stade ya Nyagisenyi yahuriranye n' umukino w' umupira w' amaguru wahuje abakozi n' Ibitaro bya Kigeme n' ab' Ibigo Nderabuzima bicungwa n' ibi bitaro.
Uyu mukino warangiye Ibigo Nderabuzima bitsinze 2-1, wabaye mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Abaforomo n' Ababyaza.
Kuri uyu munsi kandi habaye igikorwa cyo gupima Indwara zitandura abarengeje imyaka 35.



**Umuyobozi w' Akarere n' uwungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu bagaragaje ingufu zidasanzwe muri iyi siporo.**





# ABASENATERI BASOJE URUZINDUKO RW' IMINSI IBIRI BAGIRIRAGA MU KARERE

**Itsinda ry' Abasenateri ryari riyobowe na Honorable Senateur Mupenzi Georges ku wa 09 Kamena ryasoje uruzinduko rw' iminsi ibiri ryagiriraga mu karere ka Nyamagabe aho ryaganiriye n' ibyiciro byihariye ndetse rinakira ibibazo by' abaturage.**

Ubwo iri tsinda ryasozaga uruzinduko ryagiriraga mu karere ka Nyamagabe, ryakiriwe n' Umuyobozi w' Akarere Hildebrand NIYOMWUNERI .

Honorable Senateur Mupenzi Georges wari uriyoboye yavuze ko muri rusange nta bibazo bidasanzwe basanganye abaturage b' akarere ka Nyamagabe.

Icyakora yabwiye Abayobozi ko hari ibigikeneye kunozwa hashyirwa ingufu mu kwegera abaturage bakagaragarizwa ku ruhare rwabo mu gukemura ibibazo.









**Senateri Mupenzi Georges avuga ko muri rusange nta bibazo bikomeye abaturage ba Nyamagabe babagaragarije**

# UMUNSI W' UMWANA W' UMUNYAFURIKA WIZIHIJWE ABANA BASABWA KUBAHA NO GUFATA IBYEMEZO BIKWIYE MU BYO BAKORA

**Ku wa 16 Kamena 2023, nk'uko byakozwe ku rwego rw' Igihugu n' Akarere ka Nyamagabe kifatanyije n' abana bo mu bigo by' Amashuri bitandukanye byo muri aka karere, mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzahanga w' Umwana w' Umunyafurika.**

Muri ibi birori byabereye kuri Stade ya Nyagisenyi, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yitsa ku nsanganyamatsiko y' uyu munsi ari yo 'Uburenganzira bw' Umwana mu Isi y'Ikoranabuhanga, yaragize ati:" Nubwo ari byiza gukoresha Ikoranabuhanga, ababyeyi mugomba kwitonda ndetse mukagenzura neza abana mu gihe bari kurikoresha.

Yungamo ati:"Isi y'Ikoranabuhanga, n'Isi ikomeye. Isaba gushishoza. Iyo rikoreshejwe neza rigereranywa n'ibiryo bihiye. Abahanga bavuga ko ibyo turibonamo biha umwana ibiryo bihiye, kandi umwana wese uri hano ari mu kigero cyo kugirango avumbure, ashakishe, afate akondo akabumbe, abone ko haza kuvamo akantu kameze nk'agakombe. Ariko Digital Environment ibikwereka bibumbabumbye noneho ntugire ubushake bwo gukora mu kondo. Ndasaba urubyiruko gukoresha Ikoranabuhanga neza, mu bibafitiye akamaro. Icyo gihe ntabwo rizagira icyo ryangiza ku bana bacu."



Yaboneyeho gusaba abana n'Urubyiruko rwitabiriye uyu munsi kubaha ababyeyi no kwitoza gufata ibyemezo bizabafasha gukunda umurimo no gutegura neza ejo habo hazaza.

Mu gihe amashuri adodesha Uniforume, dushobora kwifashisha abarangije amasomo y'Ubudozi muri aka Karere bagahabwa akazi.







# IMPUNZI ZO MU NKAMBI YA KIGEME ZIZIHIJE UMUNSI MPUZAMAHANGA W' IMPUNZI

**Tariki ya 20 Kamena buri mwaka ni umunsi mpuzamahanga wahariwe kuzirikana impunzi, aho ibihugu bitandukanye byifatanya n' Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mpunzi (UNHCR) mu kuzirikana imiryango amagana n' amagana itatanye ku Isi yose no mu Rwanda.**

Kimwe n' ahandi hose mu gihugu, no mu karere ka Nyamagabe uyu munsi Mpuzamahanga w' Impunzi warizihijwe. Mu karere ka Nyamagabe uyu munsi wizihirijwe mu Nkambi ya Kigeme iherereye mu murenge wa Gasaka.

Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Hildebrand NIYOMWUNGERI wari Umushyitsi Mukuru muri ibi birori yabwiye izi mpunzi ko kimwe mu biraje ishinga Ubuyobozi bw' Akarere ari uko izi mpunzi zigira icyizere cyo kubaho.

Yaragize ati:" Kimwe mu bidushishikaje, ni uko mu gihe cyose mukiri muri aka karere mugomba kuhaba mwishimye nk' uko byakabaye bimeze muri iwanyu."



**Umuyobozi w' Akarere Hidebrand NIYOMWUNGERI**

Mu maso y' izi mpunzi n' amagambo zavuze biragaragara ko bafite icyizere cy' uko igihe kizagera zigasubira iwabo.

Impunzi ziri muri iyi Nkambi ya Kigeme zaturutse mu gihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo zikaba zigera ku bihumbi 20.










# VOLLEYBALL: GASAKA WOMEN VOLLEYBALL CLUB YEGUKANYE UMWANYA WA 3 MU MARUSHANWA Y' UMURENGE KAGAME CUP

**Ikipe y' Umupira w' Intoki y' Abagore ya Gasaka Women Volleyball Club yari ihagarariye akarere ka Nyamagabe n' Intara y' Amajypfo ku wa 25 Kamena 2023 yegukanye umwanya wa 3 mu marushanwa yitiriwe Umukuru w' Ighugu, Umurenge Kagame Cup nyuma yo gutsinda iyari ihagarariye akarere ka Rubavu.**



Uyu mukino wabereye mu karere ka Gisagara warangiye ikipe ya Gasaka Women Volleyball Club itsinze iya Rubavu amaseti 3 kuri 1 nyuma yo gutisndwa muri 1/2 n' iyari ihagarariye akarere ka Gicumbi.

Itike iyinjiza muri 1/2 muri aya marushanwa yitiriwe Umukuru w' Igihugu Nyakubahwa Paul KAGAME, yayibonye imaze gutsindira mu mujyi wa Kigali iyari ihagarariye Akarere ka Gasabo, amaseti 3 ku 0.

Uyu mukino ukaba waranarebwe n' Umuyobozi w' Akarere Hildebrand NIYOMWUNERI n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Madame Agnès UWAMARIYA.






**Gasaka Women Volleyball Club yari ihagarariye Akarere ka Nyamagabe mu marushanwa Umurenge Kagame Cup yegukanye umwanya wa 3**

# ISUZUMA RY' IMIHIGO YA BAMUTIMAWURUGO


**Ku wa 15 Kamena 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye itsinda ry' Inama y' Igihugu y' Abagore yo ku rwego rw' Intara ryari rije mu igenzura ry' imihigo ya Bamutimawurugo y' umwaka wa 2022_2023.**

Iri tsinda ryari riyobowe na Mukabarisa Aulerie ryabanje gusuzuma imihigo mu nyandiko, hanyuma rijya no gusuzuma imihigo mu murenge wa Cyanika mu Kagari ka Karama, mu mudugudu wa Nyamisave.
Mu rwego rwo gusigasira ibyagezweho kandi, hasuzumwe Umudugudu wa Bande, mu Kagari ka Nyarusiza mu Murenge wa Kamegeri.








**Iri tsinda ryabanje gusuzuma imihigo ya Bamutimawurugo mu nyandiko**

## GUSOZA IBIKORWA BYO KWIBUKA MU KARERE KA NYAMAGABE

**Ku wa 25 Kamena, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye umuhango wo gusoza ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu karere ka Nyamagabe, ukaba warabereye mu cyahoze ari Komini Musange.**

Uyu muhango wanitabiriwe n' abahagarariye inzego z' umutekano, iz' amatorero n' amadini wabanjirijwe n' igikorwa cyo gushyira indabo mu mugezi wa Mwogo mu rwego rwo guha icyubahiro Abatutsi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi bawujugunywemo no gushyira indabo ku mva ziruhukiyemo imibiri igera ku bihumbi 26.



Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Thaddée HABIMANA yavuze ko Kwibuka Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi ari ukubaha agaciro bambuwe no kuzirikana amateka mabi yaranze u Rwanda.

Yaragize ati:" Kwibuka si ukwibagirwa, ahubwo ni uguha agaciro abacu bambuwe, ni ukuzirikana amateka mabi yaranze uru Rwanda, tuvanamo amasomo yo kutazayasubira, tukita ku biduhuza, tukubaka ubumwe bwacu, maze tukarangwa n'ubudaheranwa budufasha kwiyubaka."



**Umuyobozi w' Akarere Wungirije Usinzwe Iterambere ry' Ubukungu Thaddée HABIMANA**

Honorable Marie Claire UWUMUREMYI wari Umushyitsi Mukuru muri uyu muhango yavuze ko kwibuka Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi ari ari ukongera gusabana na bo no kuzirikana indangagaciro zabarangaga.



**Honorable Marie Claire UWUMUREMYI**





Mu murenge wa Musange, amateka ya Jenoside, agaragaza uruhare rutaziguye rw’ ubutegetsi muri jenoside yakorewe abatutsi. Abatutsi b' i Musange nyuma yo kubona batangiye gutwikirwa inzu bagiye gutabaza kuri Komini aho kubatabara bababwira ko baza kuri Komini aho ubutegetsi bwababeshye ko bushobora kubarindira umutekano, ko ntawe ubasha kubakoraho ariko nta mugambi wo kubarindira umutekano wari uhari, yari amayeri kugira babone uko babicira hamwe.

Uwari Burugumesitiri Bizimana Bernard wayoboraga komini Musange yafashe imodoka ya Komini azenguruka amasegiteri yose afite indangururamajwi avuga ngo Abatutsi bose nibahungire ku biro bya komini azabarinda. Bahise batangira kuhahungira ari benshi bajya no mu rukiko, bahaba mu buzima butoroshye kuko byageze aho interahamwe yitwa Mbayire Longine ibakatira amazi batangira kuvoma ayo mu mugezi wa Muhura ariko Burugumesitiri Bizimana yahise ashyiraho uruzitiro abwira abapolisi ba komini ngo uzarurenga bazamurase.

Si Abatutsi b’ i Musange bahaguye gusa, hari n’abandi bari baturutse mu makomini bahana imbibi, hiyongeraho abahiciwe baturuka i Kaduha muri Karambo nyuma y’ubwicanyi bwari bumaze kuhabera.
Kuri aba kandi hiyongeraho Abatutsi baroshywe mu migezi ya Mwogo, Mbirurume na Rukarara ikikije iyo Komini.



